



IGICE CYA 5

## IHURIRO RY'IMIHANDA

## NDETSE NO GUKATA

### Insanganyamatsiko:

- Uburenganzira-bwo-gutambuka mbere
- Ibinyabiziga ndakumirwa itegeko ryo kuva mu nzira
- Amatara y'Ubururu, icyatsi kibisi n'umuhondo Gukata
- Gukata ukoze ishusho ya-U
- Ibibazo by'isubiramo by'Igice cya 5

*Icyitonderwa: Ibibazo by'isubiramo biboneka gusa mu bice by'aya mabwiriza bivuga ku mategeko y'umuhanda (Ibice kuva ku cya 4 kugeza ku cya 11 ndetse n'ibyapa by'umuhanda)*

Impanuka nyinshi zo kugonganira mu mahuriro y'imihanda ziba iyo umushoferi akase. Inyinshi zibera muri parikingi rusange ikorehwa n'abantu benshi, cyane cyane nko ku maguriro. Kugirango wirinde bene izi mpanuka, ugomba kuba wumva neza itegeko rigena gutambuka mbere na none ukaba uzi igihe cyiza cyo gukata.

### Uburenganzira-bwo-gutambuka mbere:

Ibyapa, amatara yo mu muhanda, ibimenyetso byo mu muhanda ntabwo buri gihe bikemura ibibazo byo mu muhanda. Nk'itara ry'icyatsi kibisi, ni urugero, ntirivuga uko bigenda igihe ikinyabiziga gikatiye ibumoso mu ihuriro ry'imihanda mu gihe hari ikindi kinyabiziga kirimo kiza kigiye kwambukiranyira iryo huriro. Amategeko agena uburenganzira bwo gutambuka mbere afasha mu gukemura ibi bibazo. Akubwira ugenda mbere n'ugomba gutegereza mu bihe runaka bitandukanye.

### Dore ingero zigaragaza itegeko rigena uburenganzira bwo gutambuka mbere:

- Umushoferi wegereye ihuriro ry'imihanda agomba gutanga uburenganzira bwo gutambuka mbere imodoka zamaze kugera mu ihuriro ry'imihanda.

**Urugero:** Wegereye ihuriro ry'imihanda. Usanze itara ryo muri feu rouge riri kwaka icyatsi kibisi kandi urashaka guhita wikomereza udahagaze. Ikindi kinyabiziga cyamaze kugera mu ihuriro ry'imihanda kandi kirimo kirakatira ibumoso. Ugomba kureka icyo kinyabiziga kikarangiza gukata mbere y'uko winjira mu ihuriro ry'imihanda.

- *Niba abashoferi baje bava mu byerekezo bitandukanye bagereye mu isangano icyarimwe, umushoferi ukatira ibumoso agomba guha inzira ikinyabiziga gikomeza imbere nta gukata cyangwa igikatira iburyo.*

**Urugero:** Urashaka gukatira ibumoso mu isangano ry'umuhanda riri imbere. Ikinyabiziga kigeze mu isangano giturutse mu cyerekezo gitandukanye n'icyawe kandi gikomeje imbere nta gukata. Ugomba gutegereza ko ibinyabiziga byakwegereye bibanza kunyuraho mbere y'uko ukata. Ushobora kwinjira mu isangano witegura gukatira ibumoso niba itara ryo mu muhanda riri kwaka mu ibara ry'icyatsi kibisi kandi hakaba nta kindi ikinyabiziga kiri imbere yawe gifite gahunda yo gukatira ibumoso (reba "**Gukata**" ahagana inyuma muri iki gice). Igihe winjiye mu isangano, guma iburyo bw'umurongo ugabanya umuhanda mo kabiri. Guma ugoroye amapine yawe kugirango wirinde ko wasunikirwa mu kinyabiziga kiri kuza mu gihe ikinyabiziga cyawe cyaba kigonzwe giturutswe inyuma. Igihe ikinyabiziga cyazaga kigusanga gitambutse cyangwa gihagaze kubera itara ryo mu muhanda ryatse mu ibara ritukura, rangiza gukata niba ubona kubikora nta kibazo biteje.

Ugomba nanone guha inzira ikinyabiziga kije kigusanga igihe ukatiye ibumoso ugana imbere y'igipangu, muri parikingi cyangwa ahandi hantu, kabone n'iyi nta byapa cyangwa ibimenyetso byo mu muhanda bigenga kuhakatira.

Igihe cyose ugiye gukatira ibumoso, itegeko rigusaba guha inzira ikinyabiziga cyose kije kigusanga cyakwegereye cyane ku buryo cyaguteza ibyago. Umwanzuro ufata igihe ikinyabiziga cyakwegereye cyane usaba ubunararibonye ndetse n'ubushishozi. Niba ufite impungenge iyo ari yo yose, tegereza ikinyabiziga gitambuke mbere y'uko ukatira ibumoso.

- Mu masangano y'umuhanda atagenzurwa n'ibyapa cyangwa amatara yo mu muhanda, cyangwa aho abashoferi babiri cyangwa benshi bahagarariye icyarimwe ahari ibyapa byo guhagarara bakaba bahagaze bakoze imfuruka igororotse, umushoferi uri ibumoso agomba gutanga uburenganzira bwo gutambuka mbere ku mushoferi uri iburyo.

**Urugero:** Ugeze ahari icyapa cyo guhagarara urahagarara, kandi ugiye guhita unyura mu isangano ry'umuhanda. Umushoferi uri mu muhanda uva mu kindi cyerekezo na we ahagaze ahari icyapa cyo guhagarara kiri iburyo bwawe, kandi na we agiye guhita unyura mu isangano ry'umuhanda. Ugomba guha uwo mushoferi wundi uburenganzira bwo gutambuka mbere.

- Ikinyabiziga kinjiye mu nzira nyabagendwa gisohotse mu gipangu, mu muhanda bwite w'umuntu cyangwa ahandi hantu hatari mu nzira nyabagendwa, kigomba guhagarara kigatanga uburenganzira bwo gutambuka mbere ku binyabiziga biri mu nzira nyabagendwa ndetse no ku banyamaguru.

**Urugero:** Urashaka kuva muri parikingi hanyuma ugakitira iburyo igihe winjiye mu muhanda. Uri kuva muri parikingi hanyuma ukase iburyo ukinjira mu muhanda imodoka igusatiriye iturutse ibumoso bwawe. Ugomba guhagarara maze ugategereza ko iyo modoka itambuka mbere y'uko winjira mu muhanda. Iyo uza kuba uri bukatire ibumoso, wari gutanga uburenganzira bwo gutambuka mbere imodoka zose zagusatiriye ziva mu byerekezo byombi Niba umunyamaguru yambukiranyije parikingi asohoka, wagombye gutegereza ko uwo muntu arangiza kwambuka.

- Abashoferi bagomba guha inzira abanyamaguru bakoresheje ahantu hemewe haba hari ikimenyetso cyangwa kidahari cyo kuhambukira mu buryo bwemewe n'amategeko. Ibi bishatse kuvuga ko ugomba kugenda gahoro cyangwa ugahagarara niba ari ngombwa. Mu bihe byose, abashoferi bagomba kwigengesera kugirango birinde kugonga abanyamaguru ndetse n'abanyamagare.

**Urugero:** Urahagaze kubera ko itara ryo mu muhanda ryatse mu ibara ritukura. Umunyamaguru akandagiye aho abanyamaguru bambukira, hanyuma ako kanya itara rihita rijya mu ibara ry'icyatsi kibisi. Ugomba gutegereza ko umunyamaguru arangiza kwambuka. Ugomba nanone guha inzira abanyamaguru bari kwambuka ibumoso cyangwa iburyo bwawe mbere y'uko ukata.

- *Ntushobora kwinjira mu isangano niba imodoka zishoreranye mu rundi ruhanda kandi ntushobora kubona uko unyura muri iryo sangano. Tegereza kugeza igihe imodoka ziri imbere zigiye, kugirango udafunga isangano ry'umuhanda.*
- *Itegere kwambukiranya imihanda cyangwa kwambukiranya ihuriro ry'imihanda kugirango udafunga undi muhanda.*
- *Umushoferi wegereye isangano ry'umuhanda cg amahuriro y'umuhanda agomba gutanga uburenganzira bwo gutambuka mbere ku bashoferi bamaze kugera mu isangano ry'umuhanda. Ku bindi bisobanuro ku byerekeranye n'uko watwara ikinyabiziga mu nkomane, reba "Uko watwara ikinyabiziga mu isangano ry'umuhanda" [2] mu gice cya 8 cy'aya mabwiriza.)*

## **Ibinyabiziga Ndakumirwa**

Ugomba gutanga uburenganzira bwo gutambuka mbere kuri kizimyamoto, imbangukiragutabara, polisi ndetse n'ibindi binyabiziga ndakumirwa byemewe igihe bigiye mu kazi k'ubutabazi. Bizacana amatara amyasa mu ibara ritukura, umutuku n'ubururu cyangwa se umutuku n'umweru hamwe n'amajwi y'intabaza cyangwa amahoni asakuza. (Ibinyabiziga bigiye mu butabazi byoherejwe n'ikigo cya polisi, sherifu cyangwa polisi ya leta ya New York byo ntibisabwa buri gihe gukoresha amajwi y'intabaza cyangwa ihoni.) Igihe wumvise cyangwa ukabona ikinyabiziga ndakumirwa kiza gisatira ikinyabiziga cyawe kiva mu cyerekezo icyo ari cyo cyose, ubigiranye ubwitonzi shyira ikinyabiziga cyawe mu ruhande rw'iburyo bw'umuhanda ako kanya kandi uhagarare. Tegereza kugeza igihe icyo kinyabiziga ndakumirwa kikunyuzeho mbere y'uko ukomeza urugendo. Niba uri mu isangano, banza urivemo mbere y'uko uparika ku ruhande.

Ugomba guparika ku ruhande kandi ugahagarara igihe ubonye ikinyabiziga ndakumirwa kabone n'iyi cyaza kigusanga giturutse mu gisate cy'umuhanda gitandukanye n'icyo urimo mu muhanda ufite ibisate bibiri.

Igihe wumvise ijwi ry'intabaza cyangwa ihoni risakuza hafi yawe ariko ukaba utazi neza aho ikinyabiziga ndakumirwa gihereye, ugomba guhita uparika witonze ku ruhande rw'iburyo rw'umuhanda kandi ugahagarara kugeza umenya neza ko kitari kuza aho uri.

Ikinyanyabiziga ndakumirwa gikoresha amatara n'ijwi ritabaza cyangwa ihoni risakuza ntushobora kucyitegura. Umushoferi yemererwa n'amategeko kuba yarenza umuvuduko ntarengwa, akanyuraho kandi itara ryo mu muhanda riri kwaka umutuku nanone agakomeza kandi hari icyapa cyo GUHAGARARA cyangwa ikimusaba GUTANGA INZIRA, agaca mu nzira itariyo mu mihanda inyurwamo mu cyerekezo kimwe ndetse agaca mu byerekezo ubusanzwe bitemewe kunyuramo. Nubwo abatwara ibinyabiziga ndakumirwa basabwa kuba maso, jya uba maso cyane igihe ikinyabiziga ndakumirwa kije kigusanga.

## **Itegeko ryo kuvira abandi mu nzira**

Iri tegeko risaba buri mushoferi wese kwigengesera kugirango yirinde kugongana n'ikinyabiziga ndakumirwa cyemewe cyangwa ikinyabiziga gikoreshwa mu gihe cy'ibiza giparitse, gihagaze cyangwa gihagaze by'akanya gato ku ruhande rw'umuhanda cyangwa ku gice icyo ari cyo cyose cy'umuhanda mu gihe gicanye amatara y'intabaza cyangwa itara rimwe cyangwa menshi aburira ndetse n'itara rimwe cyangwa menshi y'ubururu. Abashoferi bagomba kugabanya umuvuduko mu mihanda iyo ari yo yose igihe bahuye n'ibyo binyabiziga, ariko nko mu mihanda ica muri parike, ihuza za leta ndetse n'imihanda ifite ibisate by'imihanda byinshi ikaba imikoresherezwemo yayo igenzurwa, abatwara ibinyabiziga basabwa kuva mu gisate cy'umuhanda cyegeranye n'ibinyabiziga ndakumirwa cyangwa ibikoreshwa mu gihe cy'ibiza uretse mu gihe imodoka ziri mu muhanda zitabimwemerera cyangwa ikindi kibazo cyamubuza kubikora adahungabanyije umutekano wo mu muhanda. Abatwara ibinyabiziga banasabwa nanone kuvira mu nzira ibinyabiziga bicanye amatara y'ubururu ndetse n'ay'icyatsi kibisi byasobanuwe mu gice gikurikira. Kurenga kuri iri tegeko birahanirwa mu mategeko nko kugenda nabi mu muhanda.

## **Amatara y'Ubururu, icyatsi kibisi ndetse n'ay'Umuhondo**

Ibinyabiziga by'abantu ku giti cyabo bitwawe n'abakorera bushake bazimya inkongi y'umuriro bumvise intabaza bemerewe gucana amatara y'ubururu ndetse n'abakorera bushake babangukiye gutabara cyangwa bari mu itsinda rishinzwe ubutabazi bashobora gucana amatara y'icyatsi kibisi. Amatara y'umuhondo ari ku modoka zikoreshwa mu gihe cy'ibiza urugero nk'izishinzwe gukuraho urubura, amakamyi yikorera izindi modoka, cyangwa se uruhururirane rw'amatara y'umuhondo n'amatara y'inyuma asa ubururu ari ku modoka zikoreshwa mu gihe cy'ibiza zakorewe kwikorera izindi modoka cyangwa gusunika imodoka zapfuye, aburira abandi bashoferi ko aho hantu hashobora guteza ibyago. Amatara y'umuhondo amyasa akoreshwa nanone ku binyabiziga bishinzwe gutwara ubutumwa mu bice by'icyaro ndetse no ku mabisi atwara abanyeshuri kugirango amenyeshe ibindi binyabiziga ko icye gihari. Ibinyabiziga bicana amatara y'ubururu, icyatsi kibisi cyangwa ay'umuhondo ntabwo ari ibinyabiziga ndakumirwa byemewe. Abashoferi babyo bagomba kubahiriza amategeko yose y'umuhanda. No mu gihe udategetswe gutanga uburenganzira bwo gutambuka mbere, ushobora gutanga inzira igihe ubona ko kubikora nta kibazo byateza.

## GUKATA

Buri gihe jya ucana amatara ndangacyerekezo mbere y'uko ukata cyangwa uhindura igisate cy'umuhanda ugenderamo. Ni ngombwa ko abandi bari gukoresha umuhanda bamenya ibyo uteganya gukora. Itegeko rigusaba ko werekana ko ugiye gukata cyangwa guhindura igisate ugenderamo ukoresheje amatara ndangacyerekezo cyangwa ibimenyetso by'intoki hasigaye byibura fiti 100 (metero 30) imbere. Inama nziza yakurinda, mu gihe bishoboka, wajya werekana icyo uteganya gukora mbere y'uko utangira gufata feri cyangwa gukata. Ibimenyetso by'ibiganza bikwiriye byagaragajwe hasi aha.



**IBUM**



**IBURY**



**GUHA**


**Zirikana izi nama zindi z'ingenzi igihe witegura gukata:**

- Gabanya umuvuduko wawe.
- Menya ibinyabiziga bigukikije mu mpande zose. Fata ingamba zihariye mu kugenzura amamoto. Impanuka nyinshi z'amamoto n'ibindi binyabiziga ziterwa n'uko abashoferi b'ibindi binyabiziga baba batitaye kukureba amamoto.
- Komeza ugorore amapine kugeza igihe utangiyeye gukata. Iyo wakase amapine yawe hanyuma bakakugonga bagaturutse inyuma, ikinyabiziga cyawe gishobora gusunikirwa mu gisate cy'umuhanda kinyuramo ibinyabiziga biza.
- Ibuka ko amapine yawe y'inyuma azagenda neza neza mu nzira amapine y'imbere yanyuzemo, hafi n'impera y'umuhanda (niba ukatiye iburyo) cyangwa mu nzira y'ibinyabiziga biza bigusanga (niba ukatiye ibumoso).
- Reba abanyamaguru, abanyonzi n'abatwara utumoto duto, cyane cyane igihe ukatira iburyo. Nibo bakunze kudapfa kugaragara mu rukurikirane rw'ibinyabiziga.
- Itondere cyane cyane abantu bagendera mu tugare tw'abafite ubumuga, abantu basunika utugare batwaramo abana, cyangwa abantu bagenda bakururira ivalisi y'amapine inyuma. Bashobora kuba bari bagufi cyangwa bihishye inyuma y'imodoka.

Urugero rukurikira rwerekana umwanya ukwiriye wo gukatiramo imodoka yawe. Iyi myanya ihuje n'ibisabwa biri mu mategeko, ntabwo ari inama nziza gusa.


## GUKATIRA IBURYO:

Igihe witegura gukata, egera iburyo cyane bishoboka. Ntugakoreshe ahantu hanini ukata. Uretse mu gihe ibyapa bikubwira gukora ibindi, katira mu gisate cy'iburyo cy'umuhanda winjiyemo. Reba urugero hasi aha.




**GUKATIRA IBUMOSO UVA MU MUHANDA W'ICYEREKEZO KIMWE UJYA MU MUHANDA W'ICYEREKEZO KIMWE:**

Jya mu gisate cy'umuhanda cy'ibumoso igihe witegura gukata. Niba umuhanda winjyemo ufite ibisate bibiri, ugomba gukatira mu gisate cyawo cy'ibumoso. Reba urugero ruri hasi aha.




**GUKATIRA IBUMOSO UVA MU MUHANDA W'ICYEREKEZO KIMWE UJYA MU MUHANDA W'IBYEREKEZO BIBIRI:**

Jya mu gisate cy'umuhanda cy'ibumoso igihe wegereye aho ukatira. Igihe ukomeza mu isangano ry'umuhanda, injira mu muhanda w'ibyerekezo bibiri uri iburyo bw'umurongo uwugabanyamo kabiri ariko wegereye cyane uko bishoboka kose umurongo ugabanya umuhanda mo kabiri. Menya ibinyabiziga biri kuza bigusanga biva mu muhanda uri ibumoso. Moto biragoranye kuzibona, kandi biranagoye kumenya umuvuduko zifite ndetse n'intera ziriho uvuye aho uri. Reba urugero ruri hasi aha.




**GUKATIRA IBUMOSO UVA MU MUHANDA W'IBYEREKEZO BIBIRI UJYA MU MUHANDA W'IBYEREKEZO BIBIRI:**

Egera aho gukatira uri mu gice cy'iburyo kiri hagati na hagati mu muhanda. Gerageza gukoresha uruhande rw'ibumoso rw'ihuriro ry'umuhanda kugira ngo wirinde guhurirana n'ibinyabiziga bije mu cyerekezo urimo bishaka gukatira ibumoso. Guma iburyo bw'umurongo ugabanya umuhanda winjiyemo mo kabiri, ariko wegereye cyane uko bishoboka kose uwo murongo wo hagati. Menya ibinyabiziga biri kuza mu cyerekezo cyawe biva ibumoso ndetse n'ibiri kuva mu gisate cy'umuhanda ugiye kwambukiranya. Moto ziri kuza mu cyerekezo urimo biragoranye kuzibona, kandi biranagoye kumenya umuvuduko zifite ndetse n'intera ziriho uvuye aho uri. Abashoferi inshuro nyinshi ntibabona moto iri kuza ibasanga ndetse barayigonga iyo barimo bakata bambukiranya igisate cy'umuhanda. Reba urugero ruri hasi aha.




**GUKATIRA IBUMOSO UVA MU MUHANDA W'IBYEREKEZO BIBIRI UJYA MU MUHANDA W'ICYEREKEZO KIMWE:**

Egera aho gukatira uri mu gice cy'iburyo kiri hagati na hagati mu muhanda. Katira iburyo mbere y'uko ugera mu isangano hagati kandi ukatire mu gisate cy'ibumoso bw'umuhanda winjiyemo. Reba urugero ruri hasi aha.



**GUKATIRA IBUMOSO UVA MU MUHANDA W'IBYEREKEZO BIBIRI UJYA MU MUHANDA MUNINI W'IBYEREKEZO BINE:**

Egera aho ushaka gukatira uvuye mu gice cy'iburyo kiri hagati na hagati mu muhanda. Injira mu gisate cy'umuhanda cy'ibumoso, iburyo bw'umurongo ugabanya umuhanda mo kabiri. Igihe ibinyabiziga biri mu muhanda bibikwemerera, ushobora kuva muri icyo gisate cy'ibumoso. Reba urugero hasi aha.



**Gukata ukoze ishusho ya U**

Gukata ukoze ishusho ya U ni ugukata uko ari ko kose ukora ushaka kujya mu kindi cyerekezo.


Ntuzigere ushaka gukata ukoze ishusho ya U mu muhanda munini keretse gusa bibaye ngombwa. Niba ugomba gukata ugahindikira, koresha parikingi, inzira y'imbere y'igipangu cyangwa ahandi hantu, niba bishoboka, winjire mu muhanda uhita ukomeza ujya imbere, nta kongera gusubira inyuma.

Ushobora gukata ukoze ishusho ya U uva gusa mu gice cy'ibumoso bw'igisate cy'umuhanda cyegereye umurongo ugabanyamo umuhanda kabiri, ntiwabikora uvuye mu gisate cy'iburyo. Uretse aho ibimenyetso bivugaga ukundi, ushobora gukata ukoze ishusho ya U igihe itara ry'umuhanda ryatse mu mwambi w'icyatsi kibisi rikaguha uburenganzira bwo gukomeza, bivuze ko wemerewe kugenda n'ibindi binyabiziga bikaba byaguhaye inzira.

Ntabwo ushobora gukata ukoze ishusho ya U hafi y'impinga y'umusozo, mu ikorosi cyangwa se ahandi hantu abashoferi badashobora kubona ikinyabiziga cyawe kuva kuri fiti 500 (*metero 150*) mu byerekezo byombi. Ntibyemewe n'amategeko kandi gukata ukoze ishusho ya U mu duce tw'ubucuruzi two mu mujyi wa New York hamwe n'aho ibyapa bibuza gukata ukoze ishusho ya U biri. Ntushobora gukata ukoze ishusho ya U mu muhanda kunyuramo bigenzurwa, nubwo inzira z'igice urimo cy'umuhanda kunyuramo bigenzurwa zahura n'ikindi gice. Byongeye kandi, birabujijwe ko imodoka ikata ikoze ishusho ya U mu gace karimo ishuri.

Uretse aho bibujijwe, gukata inshuro eshatu bishobora gukoreshwa mu gukata ahantu hafunganye, mu nzira y'ibyerekezo bibiri. Ushobora gusabwa gukata inshuro eshatu mu kizamini cyawe cyo mu muhanda.

### Uko wakata inshuro eshatu:



1. Erekena ikimenyetso cy'uko ugiye gukata iburyo, maze utware wegereye iburyo hanyuma uhagarare. Erekena ikimenyetso cy'uko ugiye gukata ibumoso, hanyuma ugenzure neza ibinyabiziga byo mu byerekezo byose.
2. Kata ibumoso, ugendere iruhande rw'umuhanda kugirango uze guhagarara uteganye n'impera y'umuhanda cyangwa imbibi y'umuhanda.
3. Ongera urebe ibinyabiziga biri mu muhanda. Kata amapine yawe yose iburyo uko bishoboka kose, hanyuma urebe inyuma yawe mu gihe uri gusubira inyuma. Hagarara mbere yo kugera ku mpera y'umuhanda y'iburyo cyangwa indi nkomyi iri kuri borudire y'iburyo cyangwa ku mbibi y'umuhanda.
4. Hagarara, wongere ugenzure ibindi binyabiziga biri mu muhanda, hanyuma ukate amapine yose uyaganisha ibumoso maze utware ujya imbere kugira ngo ukate neza mu gihe nta kaga biteje.

### Ibibazo

Mbere yo kujya ku gice cya 6, banza umenye neza niba ushobora gusubiza ibi bibazo:

- Ni ikihe kimenyetso cy'akaboko cyerekana
- Niba abashoferi babiri binjiriye icyarimwe mu isangano ry'umuhanda baturutse mu byerekezo binyuranye, umwe akaba akomeje kugenda adakase, undi we akaba yiteguye gukatira ibumoso, ni nde ugomba gutanga uburenganzira bwo gutambuka mbere?



- Ni iki wakora mu gihe winjiye mu isangano ry'umuhanda kugira ngo ukate ibumoso, ariko ibinyabiziga biri kuza bikakubuza guhita ukata ako kanya?
- Niba ugeze mu masangano adafite ibirigenzura ukayahuriramo n'umushoferi uri iburyo bwawe, kandi mwese mukaba mwiteguye guhita mukomeza imbere mudakase, ni nde uba afite uburenganzira bwo gutambuka mbere?
- Ni iki wakora uramutse winjiye mu muhanda uturutse mu nzira nto?
- Uhuye n'ikimenyetso kimurika cyaka icyatsi, gusa ibinyabiziga biri mu kindi gice cy'isangano ntibikwemerera gukomeza kwambukiranya unyuze mu isangano. Ese wakwinjira mu isangano?
- Ese ikinyabiziga kitegura kwinjira aho banyura bazengurutse gifite uburenganzira bwo gutambuka mbere kurusha ibinyabiziga byamaze kugera aho banyura bazengurutse?
- Ni iki wakora wumvise intabaza hafi yawe ariko utari kubona aho icyo kinyabiziga ndakumirwa kiri?
- Ni mu ntera ingana ite ugomba kwerekana ikimenyetso mbere yo gukata?
- Ese ugomba gukora uko ushoboye kose ukaguma hagati mu gisate, igihe witegura gukata iburyo?
- Ni uwuhe mwanya ikinyabiziga cyawe kigomba kuba kirimo mu gihe witegura gukata ibumoso, uva mu muhanda w'ibyerekezo bibiri ugiye mu muhanda w'icyerekezo kimwe?

**Impera y'igice cya 5:** ✓ Ibibazo by'isubiramo by'igice cya 5 <sup>[1]</sup>

< Igice cya 4 <sup>[3]</sup> | Ingingo <sup>[4]</sup> | Igice cya 6 <sup>></sup> <sup>[5]</sup>